

A Kudahemuka kw’Imana (Yosuwa 21:43–45)

- ❖ Imana yari yarahaye Abisirayeli “igihugu **cyose**” (Yosuwa 21:43) kandi yari yarabagabije “ababisha babo **bose**” (Yosuwa 21:44), bityo “**byose** byari byarasohoye” (Yosuwa 21:45).
- ❖ Gukoresha ijambo “byose” kenshi bishimangira ubudahemuka bw’Imana mu gusohozza amasezerano yayo. Abanzi babo bari baraneshejwe n’Imana. Bashoboraga gutura muri icyo gihugu kuko Imana yari yaragihindūye. Bashoboraga kwizera ko bazarangiza kumenesha Abanyakanani bari bakiri muri icyo gihugu kuko Imana yari yarasohoye amasezerano yayo kugeza ubwo kandi yajyaga gukomeza kuyasohozza mu gihe cy’ahazaza.
- ❖ Ibi byose bituzanira ibyiza. Imana ihora ari indahemuka. (Gutegeka 7:9; Zaburi ya 117:2; Amaganya 3:22–23). Yadusezeranyije agakiza no kuduha Isi nk’umurage, kandi izasohozza iri sezerano (Abafilipi 1:6; 1 Petero 1:5; Zaburi ya 37:29).

B Ibyo Imana yakozwe n’ibyo izakora (Yosuwa 23:1–5)

- ❖ Mu ijambo Yosuwa yagejeje ku bakuru, atangira ababwira ibyo Imana yari imaze gukora n’ibyo yari igiye gukora:
 - Yarwanye n’amahanga (Yosuwa 23:3)
 - Imiryango yayigabanyije igihugu (Yosuwa 23:4)
 - Azamenesha amahanga asigaye (Yosuwa 23:5)
- ❖ Ibi byose (ibyari bimaze gukorwa n’ibyajyaga kuzakorwa) byasabaga Isirayeli ikintu kimwe: kumvira (Yosuwa 23:6).
- ❖ Amateka ya Isirayeli ni icyigisho kuri twe uyu muni. Imana yamaze kunesha icyaha kandi itwiringiza agakiza binyuze mu gitambo cya Yesu (Abakolosayi 2:15).
- ❖ Ni ahacu gukomeza urugamba, kandi tukiringira Umwuka Wera kugira ngo tubeho imibereho inesha (2 Abakorinto 10:3–5; Abefeso 6:11–18).

C Ingororano yo kuba indahemuka (Yosuwa 23:6–10)

- ❖ Ingororano y’ubudahemuka bw’Abisirayeli yari kuba kunesha ababisha bose mu buryo bwuzuye kandi budasubirwaho (Yosuwa 23:6, 10).
- ❖ Ku bijyanye no kwigarurira Kanani, kudahemukira Imana byagombaga kugaragarira mu buryo butatu bwihariye:
 - Kudashyingirana n’abatuye igihugu (Yosuwa 23:7a)
 - Kutavuga amazina y’imana zabo (Yosuwa 23:7b)
 - Kutaramya Imana zabo (Yosuwa 23:7c)
- ❖ Bagombaga gukomeza kuba abaziranenge mu bya mwuka. Iyo baza gushakana n’abahatuye, bajyaga gutangira kuvuga imana zabo, kandi bakazirama. Uko ni ko ubuyobe bwa Salomo bwatangiye (1 Abami 11:4).
- ❖ Kubw’ibyo, twe bwe Abakristo turarikirwa gukurikiza inama nk’izo, no kudashakana n’abatizera (2 Abakorinto 6:14–16).

D Icyo tugomba gukora (Yosuwa 23:11–14)

- ❖ Dushobora kuvuga tudashidikanya ko ingingo ihatse izindi mu ijambo rya Yosuwa iboneka ku murongo wa 11: gukunda Imana.
- ❖ Abisirayeli bagombaga kugaragaza urukundo rwabo mu kudakunda izindi mana; kuzikunda byajyaga kubaviramo ingaruka zishishana (Yosuwa 23:12–13). Byongeye kandi, Yosuwa atanga impamvu yo kwita kuri urwo rukundo: ubudahemuka bw’Imana (Yosuwa 23:14).
- ❖ Uyu muni dufite impamvu irushaho gukomera: urugero rwa Yesu (Yohana 13:34). Imana yifuza kugirana umubano ushyitse kandi wihariye n’umuntu wese ku giti cye, wākira urukundo rwayo.
- ❖ Bityo, urukundo rwayo kuri bose ni rwo rugize urufatiro rwo kugaragaza urukundo rwacu rutuvuye ku mutima tugirana hagati yacu.

E Igihano cy’ubuhemu (Yosuwa 23:15–16)

- ❖ Yosuwa asozza ijambo rye n’amagambo akarishye y’umubūro ku ngaruka zo kutumvira: kugerwaho n’umujinya w’Imana (Yosuwa 23:15–16).
- ❖ Nk’uko Uwiteka yari yarasohoye amasezerano Ye akiranutse ku bijyanye n’umugisha wa Isirayeli, ni nako imivumo y’isezerano yari kuba impamo, igihe Abisirayeli bari kuba barirenzeho.
- ❖ Urukundo nk’urwo rwatumye Imana itanga Umwana wayo ku bwacu ni na rwo rugaragarira mu mujinya igirira abantu bakomeza kwinangirira mu cyaha (Yohana 3:16; Abaroma 2:5).
- ❖ Isirayeli yaratsinzwe maze ihabwa igihano cyayo. Muri iki gihe dufite amahirwe yo kwandika amateka ahabanye n’ayo: gukomeza kuba indahemuka ku Mana no kuguma mu rukundo rwayo (Yohana 15:9).